



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KW'UKUBOZA 2021

10 Mutarama 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKUBOZA 2021

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1,9% mu kwezi kw'Ukuboza 2021 ugereranyije n'Ukuboza 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 1,9% mu kwezi kw'Ukuboza ni ibiciro by'ibijyanye n'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 1,9%, iby'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 4,7% n'ibiciro by'uburezi byiyongereyeho 19,2%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2021 n'Ukuboza 2020, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 4,1%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021), ibiciro ntacyahindutseho.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukuboza 2021, ibiciro mu byaro byagabanutseho 4,7% ugereranyije n'Ukuboza 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -6,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 4,7% mu kwezi kw'Ukuboza ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 12,6%.

Ugereranyije ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021) ibiciro byiyongereyeho 0,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by' amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 0,5%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukuboza 2021 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 2% ugereranyije n'Ukuboza 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -3,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 2% mu kwezi kw'Ukuboza 2021 ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021) ibiciro byiyongereyeho 0,1%. Iri zamukanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 0,3% n'ibiciro by'ibikoresho byo munzu, isuku no gusana byiyongereyeho 1,6%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2020 kugeza m'Ukuboza 2021.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2020 kugeza m'Ukuboza 2021 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													
2020	2021												
	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	3,7	2,8	1,6	2,0	2,4	-0,1	-0,2	-0,4	-0,6	-0,9	0,6	1,0	1,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	4,1	4,0	2,7	1,5	3,0	0,7	0,3	-1,7	-2,8	-4,8	-6,0	-6,4	-4,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	3,9	3,5	2,2	1,7	2,7	0,4	0,1	-1,1	-1,8	-3,2	-3,3	-3,4	-2,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	-0,8	-0,3	0,4	1,4	0,2	-0,5	-0,2	0,0	0,3	0,6	0,6	-0,5	0,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-1,7	-1,2	0,5	1,4	-1,6	-2,5	0,2	-0,4	0,6	-0,1	-0,7	-1,1	0,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-1,3	-0,8	0,5	1,4	-0,9	-1,6	0,0	-0,3	0,5	0,2	-0,1	-0,9	0,1
<i>Isoko: Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw